
Bibiliya y'abana

irerekana



# Umwami w'umunyabwenge Salomo

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Lazarus
Alastair Paterson

yahujwe na: Ruth Klassen

yahinduwe na: Dan Rinda

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.


Umwami Dawidi yari umuntu ukomeye w'Imana. Mu gihe cy'ubutegetsi bwe, ubwami bwa Israyeli bwari bwaragutse bukubye incuro icumi ubwami bw'Umwami Sawuli. Ariko noneho, ntiyari agishoboye gukomeza gutegeka. Dawidi ku isi bwari bugiye kurangira.





Umwe mu bahungu benshi ba Dawidi, ari we Adoniya, yabwiye Abisirayeli ko noneho ari we wari kuzaba umwami. N'ubwo izina rye risobanura "Umwami wanjye ni Imana", Adoniya ntiyari umuntu mwiza. Yagerageje kwiba intebe y'ubwami, kuko yari azi ko Dawidi yari afite intege nke cyane ku buryo atashoboraga kuyirwanya. Ariko kandi, Imana yari ifite izindi gahunda!

Batisheba, umugore wa Dawidi, yari azi ko umuhungu we Salomo ari we wagombaga kuzaba uwami.  Yabwiye Dawidi imigambi Adoniya yari afite.  Kubera ko Dawidi yari arwaye cyane, yakoranyije abakuru b'imiryango ye maze ashyira Salomo ku ngoma ya Isirayeli.




Salomo ntiyongeye kugira amakimbirane na Adoniya kubera ko Abisirayeli bizeraga Dawidi. Dawidi yababwiye ko Imana yari yatoranyije Salomon ngo ababere umwami. Nyuma y'aho gato, Dawidi yarapfuye.






Mbere y'uko Dawidi apfa, yabwiye Salomo ko yagombaga kumvira Imana kandi akaba umwami mwiza. Dawidi yabwiye umuhungu we ati "ugendere mu nzira z'uwiteka, kugira ngo utere imbere mubyo ukora byose." Iyo nama yari nziza rwose! Nuko Salomo yicara ku ntebe ya se, Dawidi, maze ubwami bwe burakomera.

Ijoro rimwe, Salomo yarose inzozi. Imana yamubonekeyeye mu inzozi manzeiramubwira iti “Saba! Nzaguha iki?” Ni iki Wari gusaba? Salomo yasabye ubwenge kugira ngo abe umwami mwiza.




Icyifuzo cy'umwami wari ukiri muto cyashimishije Imana. Salomo yahawe ibyo yari yasabye, ariko nanone Imana nayo yamusezeranyije ubutunzi bwinshi n'icyubahiro.



Ntibyatwaye igihe kirekire kugira ngo abantu bamenye ubwenge bwa Salomo. Umunsi umwe, abagore babiri baje imbere ye bafite umwana umwe. Umugore umwe avuga ati "Umwana w'uyu umugore yapfuye nijoro, maze ahindura umwana we wapfuye n'uwanjye muzima." Undi mugore aravuga ati "Oya! Umwana muzima ni we wanjye, uwapfuye ni we wawe." Ni gute umwami yari kumenya nyine w'umwana uwo ari we?



Hanyuma umwami aravuga ati “nimunzanire inkota.” Nuko bazanira umwami inkota.  Utekereza ko ari iki umwami yashakaga gukoresha inkota ye?



Umwami aravuga ati "Umwana muzima mu mucemo kabiri, igice kimwe mugihe umwe, ikindi mugihe undi." Nyina w'uwo mwana wari ukiriho aravuga ati "Nyagasani, nimumumuhe, ariko ntimumwice."



Ariko wa wundi aravuga
ati “ntabe uwanjye
cyangwa uwanjye,
ahubwo amugabanye.”






Nuko umwami aravuga ati "muhe uwo mugore umwana uzima. Ni we mubyeyi." Abisirayeli bose bumvise iby'urwo rubanza, bubaha umwami cyane. Babonye yari afite ubwenge bw'Imana.

Abisirayeli ntibari bafite urusengero rwo gusenga Imana. Igihe Dawidi yateganyaga kuryubaka, Imana yari yavuze iti "umwana wawe ni we uzubakira izana ryanjye inzu." Ni yo mpamvu Salomo yatangiye kubaka




urusengero ruhebuje I Yerusalemu.


Kubaka urusengero byafashe imyaka irindwi. Ariko umunsi ukomeye waje ubwo abantu bose bateranye kumva Salomo yegurira Uwiteka urusengero.



Nyuma y'isengesho ryiza cyane, umwami n'abantu batambye ibitambo ibihumbi bishimye kandi bamara ibyuweru bibiri bizihiza umunsi mukuru.



Nyuma y'ibyo, Imana yongeye kubonekera Salomo, maze imusezenyara kuzamuha umugisha na Isirayeli igihe cyose bumvira Uwiteka.






Ikibabaje ni uko Salomo n'Abisirayeli batumviye Imana buri gihe. Umwami yashatse abagore benshi Imana itashakaga ko ashyingiranwa na bo. Abagore be b'abanyamahanga bahinduye umutima we gukurikira ibigirwamana, umutima we ntiwari umwizerwa ku Uwiteka Imana ye nk'uko umutima wa se Dawidi wari umeze.



Mu gihe Salomo yatakazaga amahirwe yari afite bwo kumvira Imana, umwe mu batware be witwaga Yerobowamu yahuye n'ikintu kidasanzwe. Umuhanuzi yamubwiye ko Imana izagabanya ubwami bwa Salomo, Yerobowamu akaba ari we uzategeka imiryango icumi muri cumi n'ibiri. Yerobowamu yahise ahungira muri Egiputa. Yari azi ko Salomo yari



kumwica aramutse agumyeyo.



Nyuma Salomo yaje gupfa. Umuhungu we Rehobowamu yasoresheje abaturage nabi kurusha ukuntu Salomo yari yabikoze. Imiryango icumi yarigometse, maze ishyira Yerobowamu ku ngoma. Ubwami bukomeye bwa Salomo bwagabanyijwemo kabiri, nk'uko umuhanuzi w'Imana yari yarabivuze. Imana ntishobora guha umugisha umuntu utumvira!

Umwami w'umunyabwenge Salomo

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

1 Abami 1-12

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

# Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16